RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 25 Mata-02 Gicurasi



# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo

P1 U Rwanda rukomeje imyiteguro yo kuzitabira imikino ihuza ibihugu biri mu muryango ukoresha ururimi rw'icyongereza (Birmingham 2022 Commonwealth Games).

P2 Ukwezi kwa Gicurasi 2022 kwahariwe kwibuka abari mu muryango mugari wa siporo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ku nshuro ya 28.

P3 Shampiyona y'umukino wa Basketball mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore irakomeje.

P4 Abakinnyi bane b'abanyarwanda begukanye imidali ine mu irushanwa rya "Uganda Open 2022".

P5 Uganda mu bahungu na Kenya mu bakobwa zegukanye irushanwa ry'abatarengeje imyaka 12 "2022 East African Junior Teams Competitions U-12".

P6 Abakinnyi batatu b'ikipe ya Paris Saint-Germain (PSG) yo mu Bufaransa basuye u Rwanda

P7 Shampiyona y'icyiciro cya mbere y'umupira w'amaguru mu bagabo yakinwe ku munsi wayo wa 25.

P8 Taliki 30 Mata, Shampiyona ya Handball yarakomeje.

P9 Kuva taliki 29 kugeza taliki 30 Mata, shampiyona y'Igihugu y'imikino y'Abakozi yarakomeje.

P9 Taliki 01 na 02 Gicurasi hakinwe icyiciro cya kabiri cya "Beach Volleyball Open Tournament 2022".

P10 Ku cyumweru hasojwe umwaka w'imikino muri Shampiyona ya Amputee Football yegukanwe n'ikipe y'Akarere ka Huye.

P11 Ishimwe Herniette ukinira ikipe y'Igihugu ya Cricket yitabiriye irushanwa rya "Fairbreak Global Invitational 2022" rizabera i Dubai.

P12 Ishyirahamwe ry'Imikino Ngororamubiri mu Rwanda (RAF) ryatangaje abakinnyi 17 bazahagararira u Rwanda muri "Kigali International Peace Marathon 2022" .

Birmingham 2022

# U Rwanda rukomeje imyiteguro yo kuzitabira imikino ihuza ibihugu biri mu muryango ukoresha ururimi rw'icyongereza (Birmingham 2022 Commonwealth Games).

Kuva taliki 28 Nyakanga 2022 kugeza taliki 08 Kanama 2022, mu mujyi wa Birmingham mu gihugu cy' Ubwongereza hazabera imikino ihuza ibihugu biri mu muryango ukoresha ururimi rw'icyongereza (Birmingham 2022 Commonwealth Games);

U Rwanda nka kimwe mu bihugu 54 bigize uyu muryango rukazitabira iyi mikino ku nshuro yarwo ya 4 kuva mu mwaka wa 2010.

Kugeza ubu, u Rwanda rumaze kubona itike mu mikino 5 ikurikira: Athletics, Beach Volleyball (Abagabo), Cycling, Swimming na Para Athletics.

Ikipe y'Igihugu izahagararira u Rwanda muri iyi mikino iratangira umwiherero (training camp) muri uku kwezi kwa Gicurasi by'umwihariko abakinnyi 4 muri Swimming batangiye imyitozo taliki ya 01 Gicurasi aribo Eloi Maniraguha OLY, Irankunda Isihaka, Iradukunda Eric na Dusabe Claude mu gihe Niyibizi Emmanuel wo muri Para Athletics atangirira imyitozo y'ibyumweru bibiri mu gihugu cya Afurika y'epfo (South Africa) kuva taliki 08 Gicurasi nyuma akagaruka mu Rwanda aho azakomereza imyitozo.

U Rwanda rukaba rwarinjiye mu muryango ukoresha ururimi rw'icyongereza (Commonwealth) mu mwaka wa 2009.

# Ukwezi kwa Gicurasi 2022 kwahariwe kwibuka abari mu muryango mugari wa siporo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ku nshuro ya 28.

Buri mwaka, Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" na Komite Olempike y'u Rwanda ku bufatanye n'Amashyirahamwe y'Imikino itandukanye mu Rwanda bategura igikorwa cyo Kwibuka abo mu muryango mugari wa siporo yaba abakinnyi, abatoza, abayobozi n'abakunzi b'imikino bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iki gikorwa kiba kiri mu byiciro bine aribyo gusura urwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, kuremera "umusportif" utishoboye warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibiganiro ndetse n'imikino "Genocide Memorial Tournaments (GMT)".

Ku italiki 05 Gicurasi, gahunda y'ibikorwa byo Kwibuka muri uyu mwaka wa 2022 abari mu muryango mugari wa Siporo, bizabimburirwa no gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali mu rwego rwo kunamira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse n'ikiganiro gifite insanganyamatsiko igira iti : "Twahisemo kuba umwe" kizatangwa na Hon. Bamporike Eduard, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco akaba ashinzwe Umuco. Ibi bikorwa bikazakorwa ku bufatanye na Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco, Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS", Komite Olempike y'u Rwanda n'abanyamuryango bayo hagamijwe kwibuka abari abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko na Siporo "MIJEUMA" ndetse nabari bagize umuryango mugari wa Siporo n'abafatanyabikorwa bawo.

Ukwezi kwa Gicurasi kandi kwahariwe imikino yo Kwibuka "Genocide Memorial Tournaments 2022 (GMT 2022)" aho hateganyijwe amarushanwa mu mashyirahamwe y'imikino atandukanye usibye Ishyirahamwe ry'Umukino wo Koga (RSF) ryateguye iri rushanwa taliki 16 Mata 2022 ndetse n'imikino ya Volleyball, Basketball na Cricket iteganyijwe mu kwezi kwa Kamena.

**Amataliki imikino yo Kwibuka ku nshuro ya 28 (GMT 2022) iteganyijweho:**

| DATES | NATIONAL FEDERATION | PLACE |
|---|---|---|
| 16/04/2022 | RSF | KIGALI NYARUTARAMA |
| 07/05/2022 | NPC | RUBAVU |
| | FERWACY | HUYE |
| 15/05/2022 | Tennis | IPRC Kicukiro |
| | FERWAKA | LDK |
| 21/05/2022 | ARPST | KIGALI |
| | RUGBY | KIGALI Croix Rouge |
| 22/05/2022 | Skating | Remera Kimihurura Road |
| 28/05/2022 | Table Tennis | Kigali- Statistics |
| | Fencing | Muhanga |
| 29/05/2022 | Boxing | Kigali Kimisagara |
| | Taekwondo | VJN Rubavu |
| | FERWAHAND | Kigali Kimisagara |
| | KUNG-FU | KIGALI |
| 05/06/2022 | VOLLEYBALL | C.S.Kigali |
| 12/06/2022 | FERWABA | KIGALI |
| 19/06/2022 | Cricket | Kigali-Gahanga |



# Shampiyona y'umukino wa Basketball mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore irakomeje.

Mu mpera z'icyumweru gishize shampiyona y'umukino wa Basketball mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore yarakomeje ahabaye imikino itandukanye.

**Mu bagabo**

**Taliki 27-04-2022**

APR BBC 116-64 Espoir BBC

Tigers BBC 58-40 IPRC Kigali

**Taliki 30-04-2022**

IPRC Huye 80-51 Espoir BBC

**Taliki 01-05-2022**

UR CMHS 52-77 IPRC Musanze

Patriots BBC 112-50 Ruzizi BBC

**Taliki 02-05-2022**

Espoir BBC 98-77 Ruzizi BBC

Patriots BBC 108-34 IPRC Musanze

UR Huye 97-62 UR CMHS

**Mu Bagore**

**Taliki 30-04-2022**

IPRC Huye 116-21 ADEGI

GS Marie Reine 67-33 UR CMHS

UR Huye 31-155 REG BBC

**Taliki 01-05-2022**

UR CMHS 12-109 APR BBC

REG BBC 90-46 GS Marie Reine

**Taliki 02-05-2022**

The Hoops 66-47 GS Marie Reine

**Uko amakipe akurikirana kugeza ubu mu cyiciro cya mbere mu bagabo:**

RWANDA BASKETBALL LEAGUE
MEN
RANKING 02 /05 / 2022

| RANK | TEAM | PG | W | D | L | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR BBC | 13 | 12 | 0 | 1 | 25 | 1171 | 726 | 445 |
| 2 | PATRIOTS BC | 13 | 12 | 0 | 1 | 25 | 1173 | 678 | 495 |
| 3 | UGB | 13 | 9 | 0 | 4 | 22 | 922 | 683 | 239 |
| 4 | REG BBC | 11 | 10 | 0 | 1 | 21 | 966 | 614 | 352 |
| 5 | RP-IPRC HUYE | 13 | 8 | 0 | 5 | 21 | 955 | 794 | 161 |
| 6 | TIGERS BBC | 12 | 8 | 0 | 4 | 20 | 831 | 717 | 114 |
| 7 | ESPOIR BBC | 13 | 6 | 1 | 6 | 19 | 857 | 896 | -39 |
| 8 | RP-IPRC KIGALI | 12 | 6 | 0 | 6 | 18 | 809 | 746 | 63 |
| 9 | SHOOT 4 STARS | 12 | 5 | 0 | 7 | 17 | 800 | 786 | 14 |
| 10 | RP-IPRC MUSANZE | 13 | 3 | 1 | 9 | 16 | 731 | 990 | -259 |
| 11 | RUSIZI BBC | 12 | 3 | 0 | 9 | 15 | 619 | 897 | -278 |
| 12 | UR HUYE | 13 | 2 | 0 | 11 | 15 | 723 | 1117 | -394 |
| 13 | 30 PLUS BBC | 11 | 2 | 0 | 9 | 13 | 577 | 832 | -255 |
| 14 | UR CMHS | 13 | 0 | 0 | 13 | 13 | 567 | 1276 | -709 |

**Uko amakipe akurikirana kugeza ubu mu cyiciro cya mbere mu bagore:**

RWANDA BASKETBALL LEAGUE
WOMEN
RANKING 02 / 05 /2022

| RANK | TEAM | PG | W | L | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 7 | 7 | 0 | 14 | 767 | 284 | 483 |
| 2 | APR BBC | 6 | 5 | 1 | 11 | 545 | 226 | 319 |
| 3 | GS MARIE REINE | 6 | 3 | 3 | 9 | 354 | 357 | -3 |
| 4 | RP-IPRC HUYE | 5 | 3 | 2 | 8 | 399 | 209 | 190 |
| 5 | THE HOOPS RWA | 5 | 3 | 2 | 8 | 308 | 255 | 53 |
| 6 | ADEGI | 6 | 1 | 5 | 7 | 266 | 553 | -287 |
| 7 | UR CMHS | 6 | 1 | 5 | 7 | 188 | 568 | -380 |
| 8 | UR HUYE | 5 | 0 | 5 | 5 | 175 | 550 | -375 |






# Abakinnyi bane b'abanyarwanda begukanye imidali ine mu irushanwa rya "Uganda Open 2022".

Ku butumire bw'Ishyirahamwe ry'umukino wa Taekwondo muri Uganda (Uganda Taekwondo Federation), abakinnyi bane b'abanyarwanda bitabiriye irushanwa ***"Uganda Open 2022"*** ryaberaga i Kampala kuva taliki 27 kugeza taliki 28 Mata 2022.

Abakinnyi bose uko ari bane (4) bitwaye neza ndetse begukana imidali mu buryo bukurikira:

- NIYOMUGABO Happy yatsindiye umudali wa zahabu mu batarengeje ibiro 63 (Bantamweight/- 63kg).
- NIZEYIMANA Savio yatsindiye umudali w'umuringa mu batarengeje ibiro 74 (Lightweight /- 74kg).
- UMUTESI Adeline yatsindiye umudali w'umuringa mu batarengeje ibiro 68 (Featherweight/- 68kg).
- TUYISENGE Badrou atsindira umudali w'umuringa mu batarengeje ibiro 80 (Welderweight/- 80kg).

Uretse iyo midali kandi, ikipe y'u Rwanda yanegukanye igihembo cy'ikipe yagaragaje ikinyabupfura kurusha izindi (Most Disciplined Team of the Tournament).






NIYOMUGABO Happy watsindiye umudali wa zahabu mu irushanwa ryiswe "Uganda Open 2022".



Umunyarwanda Badrou Tuyisenge (ibumoso) arushanwa mu batarengeje ibiro 80.

# Uganda mu bahungu na Kenya mu bakobwa zegukanye irushanwa ry'abatarengeje imyaka 12 "2022 East African Junior Teams Competitions U-12".

Ikipe y'iguhugu ya Uganda mu bahungu na Kenya mu bakobwa zegukanye igikombe cy'irushanwa ry'Akarere ka 4 mu mukino wa Tennis mu batarengeje imyaka 12 ryiswe, "2022 East African Junior Teams Competitions U-12", ryaberaga i Kigali mu Rwanda kuva tariki, 27 Mata kugeza ku ya 1 Gicurasi 2022.

Iri rushanwa ry'iminsi ine, ryakinwaga ku nshuro yaryo ya 5 ryari ryitabiriwe n'ibihugu 5 byo muri Zone 4, ari byo u Rwanda, Kenya, Tanzania, Uganda n'u Burundi.

Nyuma y'uko amakipe yose uko ari ane mu cyiciro cy'abahungu yagiye ahura hagati yayo, Uganda yaje kwegukana igikombe ibikesha gutsinda imikino yose yakinnye uko ari ine (4), aho yagize amanota 4. Uganda yagaragaje urwego rwiza rw'imikinire muri iri rushanwa kuko itigeze itsindwa umukino n'umwe, yatangiye itsinda u Burundi 3-0, itsinda Kenya 2-1, itsinda Tanzania 3-0 isoza itsinda u Rwanda 2-0.

Muri iki cyiciro, Kenya yabaye iya kabiri n'amanota 3, ikurikirwa n'u Burundi n'amanota 2, u Rwanda ruba urwa 4 n'inota rimwe naho Tanzania isoza ku mwanya wa nyuma nta nota na rimwe ifite.

Ku rundi ruhande, Kenya yegukanye igikombe mu bakobwa nyuma yo kuba iya mbere n'amanota 4 aho yatsinze imikino yose yakinnye uko ari ine n'ibihugu byari mu irushanwa. Ikipe y'igihugu y'u Burundi yabaye iya kabiri n'amanota 3, Uganda iba iya gatatu n'amanota 2, Tanzania iba iya 4 n'inota rimwe naho u Rwanda ruba urwa 5 ariwo mwanya wanyuma nta nota na rimwe.

Ikipe ya Uganda ya mbere mu bahungu, Kenya ya mbere mu bakobwa ndetse n'U Burundi bwa kabiri mu bagore, zikaba zahise zikatisha itike yo kuzahagararira aka karere ka 4 (Zone 4), mu mikino y'Afurika "The 12 & Under African Junior Teams' Competition (AJTC - 12&U)", iteganyijwe kuzaba muri Nzeri 2022.







# Abakinnyi batatu b'ikipe ya Paris Saint-Germain (PSG) yo mu Bufaransa basuye u Rwanda

Abakinnyi batatu b'ikipe ya Paris Saint-Germain (PSG) yo mu Bufaransa bagiriye urugendo rw'iminsi itatu mu Rwanda binyuze mu bufatanye Leta y'u Rwanda isanzwe ifitanye n'iyi kipe bushingiye mu kwamamaza ubukerarugendo.

Myugariro mpuzamahanga w'umunya Espagne, Sergio Ramos, umunyezamu wo muri Costa Rica Keylor Navas n'abadage babiri Julian Draxler na Thilo Kehrer bageze ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali kuwa gatandatu tariki ya 30 Mata 2022.

Mu ruzinduko rwabo basuye Pariki y'Akagera, basura urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali bunamira inzirakarengane zisaga 250,000 zihashyinguye ndetse baniga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakazasura kandi na Pariki y'ibirunga ndetse n'abana barererwa mu Academy ka Paris Saint-Germain gakorera mu Rwanda.

PSG na Arsenal yo mu Bwongereza ni amakipe akomeye ku Isi afitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda yo kumenyekanisha ubwiza bw'igihugu binyuze muri gahunda yitwa **"Visit Rwanda".**



*Uvuye ibumoso: Thilo Kehrer, Sergio Ramos, Keylor Navas na Julian Draxler muri Pariki y'Akagera*



*Abakinnyi ba PSG bunamira inzirakarengane zishyinguye ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali.*

---





*Muri Pariki y'Akagera uhasanga inyamaswa zitandukanye zirimo inzovu (ibumoso) n'imparage (iburyo)*

# Shampiyona y'icyiciro cya mbere y'umupira w'amaguru mu bagabo yakinwe ku munsi wayo wa 25.

Shampiyona y'icyiciro cya mbere y'umupira w'amaguru mu bagabo yakinwe ku munsi wayo wa 25, usiga APR FC ikomeje kuyobora urutonde.

Imikino yabaye guhera kuwa gatanu, taliki 29/04 aho Bugesera yabashije kubona amanota atatu itsinze Espoir bituma iza ku mwanya wa 10 ndetse iva mu makipe afite ibyago byo kumanuka mu cyiciro cya kabiri.

**Imikino ya Shampiyona yabaye:**

**Kuwa gatanu, 29/04/2022**
-AS Kigali 2-1 Gasogi
-Bugesera 1-0 Espoir

**Ku wa gatandatu, 30/04/2022**
-Police FC 1-1 Rayon Sports FC
-Gicumbi FC 1-3 Etincelles FC
-Marines FC 0-0 Musanze FC
-Mukura VS 1-1 Gorilla FC

**Ku cyumweru, 01/05/2022**
-APR FC 3-1 Etoile de l'Est

**Ku wa mbere, 02/05/2022**
Rutsiro FC 0-4 Kiyovu SC



Kapiteni wa APR FC, Manishimwe Djabel (ibumoso) na Kapiteni wa Etoile de l'Est FC, Twagizimana Fabrice (iburyo) mu mukino wabahuje taliki 01 Gicurasi 2022.



Ikipe ya Kiyovu SC yatsinze Rutsiro FC 4-0

**Primus National League Standing**

| Umwanya | Ikipe | Imikino yakinnye | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR | 25 | 57 |
| 2 | Kiyovu | 25 | 56 |
| 3 | Rayon Sports | 25 | 42 |
| 4 | AS Kigali | 25 | 40 |
| ..... | | | |
| ..... | | | |
| 14 | Rutsiro | 25 | 24 |
| 15 | Etoile de L'Est | 25 | 20 |
| 16 | Gicumbi | 25 | 16 |

# Taliki 30 Mata, Shampiyona ya Handball yarakomeje.

Taliki 30 Mata na 01 Gicurasi 2022, shampiyona ya Handball yarakomeje ku munsi wayo wa kabiri mu cyiciro cya mbere mu bagabo. Habaye kandi imikino y'umunsi wa mbere muri shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagore ndetse n'umunsi wa mbere muri shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uku imikino yagenze mu byiciro byose**

**Icyiciro cya mbere mu bagabo**

**League A**
UR Huye 32-18 St Martin Hanika
Munyove 23-39 ES Kigoma
Police HBC 47-14 UR Huye
St Martin Hanika 32-30 Munyove

**League B**
Nyakabanda 14-36 Gicumbi HBT
APR HBC 33-27 ADEGI
ADEGI 33-25 Nyakabanda
Gicumbi HBT 29-20 APR HBC

**Icyiciro cya mbere mu bagore**

**League A**
GS Kitabi 12-23 ISF Nyamasheke
Three Stars 19-19 GS Kitabi
ISF Nyamasheke 33-14 Three Stars

**League B**
UR Huye 02-20 Kiziguro SS
UR Remera 02-17 Gicumbi WHC
UR Huye 05-05 UR Nyagatare
Gicumbi WHC 11-4 UR Nyagatare
Kiziguro SS 20-01 UR Remera

**Icyiciro cya kabiri mu bagabo**

**League A**
Gorillas HC 28-22 UR Rwamagana
UR Nyagatare 21- 24 Mutenderi
UR Rwamagana 22-21 UR Nyagatare
TVET Mutenderi 24-30 Gorillas HC

**League B**
UR Gikondo 28-15 UR Busogo
UR Remera 24-15 UR Rusizi
UR Busogo 11-11 UR Rusizi







ARPST

## Kuva taliki 29 kugeza taliki 30 Mata, shampiyona y'Igihugu y'imikino y'Abakozi yarakomeje.

**Uko imikino yagenze muri weekend ishize:**

**Football:**

- CHUB 0-1 NISR
- RRA 1-1 RMS
- REG 4-3 RDB
- RMB 1-1 MINAGRI
- RISA 3-0 MIFOTRA
- RTDA 1-2 MYCULTURE
- IPRC 4-1 MININFRA

**Basketball:**

- Primature 55- 43 RMB
- CHUB 34-100 Rwandair
- Wasac 66-20 RRA
- UR 44-32 NISR
- Parliament 20-0 MINAFFET
- Bralirwa 0-20 BPR

**Volleyball:**

- RMS 0-3 REG
- RRA 3-0 Wasac
- Minisports 3-0 Minecofin
- REG 0-3 MOD
- MOH 2-3 WASAC



Beach Volleyball

## Taliki 01 na 02 Gicurasi hakinwe icyiciro cya kabiri cya "Beach Volleyball Open Tournament 2022".

Nyuma y'irushanwa rya Volleyball ikinirwa ku mucanga "Beach Volleyball Open Tournament 2022" ryabaye taliki 23 na 24 Mata 2022, mu mpera z'icyumweru gishize taliki 01 na 02 Gicurasi 2022 habaye icyiciro cya kabiri cy'iri rushanwa, imikino ikaba yarabereye kuri Sitade Amahoro.

Ikipe ya Mugisha Emmanuel na Muvunyi Fred ni yo yegukanye umwanya wa mbere itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Nzirimo Mandela na Mbonigaba Vincent amaseti 2-0 (21-15 na 21-15) naho ikipe ya Kwizera Pierre Marchal na Gisubizo Merci yegukana umwanya wa 3 itsinze ikipe ya Sibomana Jean Paul na Olivier amaseti 2-1 (21-17, 18-21 na 15-13).



IV. MATCHES FIXTURES

| # | TIME | MATCHES | NAMES | SETS | POINTS |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | PRELIMINARIES 01/05/2022 | | |
| 1 | 09:00 | A1 VS A2 | GLOIRE&MERCI vs SIBOMANA&IRADUKUNDA | 0-2 | 22-24; 0-21 |
| 2 | 09:45 | B1 VS B3 | GATSINZI&FILS vs DUSABIMANA&LEVIS | 1-2 | 17-21; 21-14; 14-16 |
| 3 | 10:30 | C1 VS C3 | MUGISHA&MUVUNYI vs MURANGWA&PEACE | 2-0 | 21-0; 21-0 |
| 4 | 11:15 | D1 VS D3 | CYUSA&BAPTISTE vs SHYAKA&CEDRIC | 1-2 | 21-23; 21-19;18-20 |
| 5 | 12:00 | B2 VS B1 | NZIRIMO&MBONIGABA vs GATSINZI&FILS | 2-0 | 25-23; 21-17 |
| 6 | 12:45 | C2 VS C1 | OLIVIER&MUTABAZI vs MUGISHA&MUVUNYI | 1-2 | 17-21; 21-16; 15-17 |
| | | | PRELIMINARIES 02/05/2022 | | |
| 7 | 08:00 | D2 VS D1 | KWIZERA&IVAN vs CYUSA&BAPTISTE | 2-0 | 21-15; 22-20 |
| 8 | 08:45 | B3 VS B2 | DUSABIMANA&LEVIS vs NZIRIMO&MBONIGABA | 1-2 | 21-13; 18-21; 9-15 |
| 9 | | C3 VS C2 | MURANGWA&PEACE vs OLIVIER&PRINCE | 0-2 | 0-21; 0-21 |
| 10 | 09:30 | D3 VS D2 | SHYAKA&CEDRIC vs KWIZERA&IVAN | 0-2 | 20-22; 8-21 |
| | | | QUARTER FINALS 02/05/2022 | | |
| 1 | 10:15 | 1ST B vs 2ND C | NZIRIMO&MBONIGABA vsNTAGENGWA&MUTABAZI | 2-0 | 21-14; 21-19 |
| 2 | 11:00 | 2ND B vs 1ST C | DUSABIMANA&LEVIS vs MUGISHA&MUVUNYI | 1-2 | 21-19; 15-21; 8-15 |
| 3 | 11:45 | 1ST A vs 2ND D | SIBOMANA&OLIVIER vs SHYAKA&CEDRIC | 2-1 | 11-21; 21-9; 15-12 |
| 4 | 12:30 | 2ND A vs 1ST D | MARCHAL&MERCI vs KWIZERA&IVAN | 2-1 | 21-17; 16-21; 15-12 |
| | | | SEMI FINAL 02/05/2022 | | |
| 1 | 13:15 | WQ2 vs WQ3 | MUGISHA&MUVUNYI vs SIBOMANA&OLIVIER | 2-0 | 21-18; 21-15 |
| 2 | 14:00 | WQ1 vs WQ4 | NZIRIMO&MBONIGABA vs MARCHAL&MERCI | 2-1 | 20-22; 21-14; 15-8 |
| | | | FINAL | | |
| 1 | 14:45 | LS1 vs LS2 | SIBOMANA&OLIVIER vs MARCHAL&MERCI | 1-2 | 17-21; 21-18; 13-15 |
| 2 | 15:30 | WS1 vs WS2 | MUGISHA&MUVUNYI vs NZIRIMO&MBONIGABA | 2-0 | 21-15; 21-15 |

V. RANKING

| RANKING | TEAM |
|---|---|
| 1 | MUGISHA EMMANUEL & MUVUNYI FRED |
| 2 | NZIRIMO MANDELA & MBONIGABA VINCENT |
| 3 | KWIZERA PIERRE MARCHAL & GISUBIZO MERCI |
| 4 | SIBOMANA JEAN PAUL & OLIVIER |

# Ku cyumweru hasojwe umwaka w'imikino muri Shampiyona ya Amputee Football yegukanwe n'ikipe y'Akarere ka Huye.

Ku cyumweru taliki ya 01 Gicurasi 2022, mu Karere ka Musanze hasorejwe umwaka w'imikino muri Shampiyona ya Amputee Football yegukanwe n'ikipe y'Akarere ka Huye irusha inota rimwe ikipe y'Akarere ka Musanze.

**Uko imikino yose yagenze y'iyi weekend:**

- Huye 4-1 Nyamasheke
- Musanze 0-0 Nyarugenge
- Rubavu 4-2 Nyamasheke
- Nyarugenge 4-1 Huye
- Musanze 2-1 Rubavu
- Musanze 2-0 Nyamasheke
- Huye 2-1 Rubavu
- Nyarugenge 1-1 Nyamasheke
- Rubavu 2-2 Nyarugenge
- Huye 1-1 Musanze

**Uko amakipe asoje umwaka akurikirana ku rutonde rusange:**

1. Huye 35pts
2. Musanze 34pts
3. Rubavu 22Pts
4. Nyarugenge 17pts
5. Nyamasheke 2pts

Iyi Shampiyona yakinwe mu byiciro bine (4 phases) ikaba yaratangiye taliki 23 Ukwakira 2021.



## Shampiyona ya Boccia agace kabanziriza akanyuma, kegukanywe na Rutsiro.

Kuri uyu wa gatandatu mu Karere ka Ngororero mu ntara y'iburengerazuba, hakinwe agace ka kane ka shampiyona ya Boccia, kegukanwa na Rutsiro. Agace ka mbere kabereye muri Rulindo taliki 30 Mutarama uyu mwaka, agace ka kabiri kabera muri Ruhango taliki 26 Gashyantare, agace gatatu kabera muri Gasabo taliki 12 Werurwe uyu mwaka.

Agace ka kane kitabiriwe n'amakipe atatu ariyo Ngororero, Centre Komera na Rutsiro. Mu mukino ufungura Ngororero yatsinze Rutsiro amanota 5-3, umukino wa kabiri Centre Komera itsinda Ngororero 4-3, naho mu mukino wa nyuma Centre Komera itsindwa na Rutsiro amanota 9-1.

Biteganyijwe ko umunsi wa 5 wa shampiyona uzakinwa tariki 28 Gicurasi 2022, ubere mu Karere ka Nyarugenge mu mujyi wa Kigali.

Umukino wa Boccia, ni umukino ukinwa n'abantu bafite ubumuga bukomatanyije, aho ufite umwihariko ko ikipe imwe ishobora kubamo abahungu n'abakobwa ariko ikipe ikaba igira abakinnyi 3. Uyu mukino kandi abakinnyi bakina bicaye ku ntebe, aho mu kibuga haba harimo umusifuzi ujyenda abereka uko umukino uhagaze.



## Ishimwe Herniette ukinira ikipe y'Igihugu ya Cricket yitabiriye irushanwa rya "Fairbreak Global Invitational 2022" rizabera i Dubai.

Kuwa gatandatu, taliki 30 Mata, Ishimwe Herniette ukinira ikipe y'Igihugu ya Cricket yahagurutse i Kigali yerekeza muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu Dubai aho yitabiriye irushanwa ryiswe "Fairbreak Global Invitational 2022" mu cyiciro kizwi nka T20 kuva taliki ya 4 kugeza 15 Gicuransi 2022, akazakinira ikipe yitwa "The Barmy Army Team".

Biteganyijwe ko Ishimwe Herniette usanzwe ari captain wungirije w'ikipe y'Igihugu azaba ari kumwe nabamwe mu bakinnyi bakomeye ku Isi mu mukino wa Cricket nka Heather Knight usanzwe ari kapiteni w'ikipe y'Igihugu y'Ubwongereza, Laura Wolvaardt (South Africa), Deandra Dottin (West Indies), Fatima Sana (Pakistan), Rumana Ahmed (Bangladesh), Tara Norris (USA), Roberta Avery (Brazil), Rubina Chhetry (Nepal), Laura Cardoso (Brazil), Ruchi Venkatesh na Iqra Sahar babanya Hong Kong na Selina Solman (Vanuatu).

Usibye Henriette, abandi banyarwanda babiri aribo Orchide Tuyisenge usanzwe ari Opening Batter (utangira akubita udupira anashyira amanota) na Martin Akayezu (ukina nka right arm pace bowler) bakinira ikipe y'Igihugu y'abagabo bagiye mu gihugu cya Zimbabwe aho bazakinira Takashinga Patriotes Cricket Club muri National Premier league y'iki gihugu. Bakazakina ibizwi nka 50 Overs.



## Imikino ya shampiyona uko yagenze muri weekend ishize.

**Icyiciro cya mbere mu bagore:**
Queens Of Victory Cricket Club yatsinzwe na Sorwathe Cricket Club ku kinyuranyo cy'abantu 8 batasohowe mu kibuga (8 Weeckets). Alice Ikuzwe niwe wabaye umukinnyi mwiza wumukino. Mu mukino wakabiri Sorwathe CC yatsinze Indorwa Women's Cricket Club ku kinyuranyo cy'amanota 90 (90 Total runs).

**Icyiciro cya kabiri mu bagore:**
Eastern Phoenix Cricket Club yatsinze Muhanga Zebra Cricket Club ku kinyuranyo cy'amanota 27 (27 Total runs). Umukino mwiza muri uyu mukino yabaye FAINA UWINEZA. Mu mukino wakabiri wahuje aya makipe Muhanga Zebra Cricket Club yatsinze Eastern Phoenix Cricket Club ikinyuranyo cy'umuntu umwe utarasohowe mukibuga (MUHANGA ZEBRA CC Won by 1 Weecket). Doriane Adeline Nakuzwe niwe wabaye umukinnyi mwiza w'umukino.

**Icyiciro cya mbere mu bagabo:**
Kutchi Tigers Cricket Club na Challengers Cricket Club uyu mukino amakipe yombi yagabanye inota rimwe kuko umukino utabashije kurangira kubera ikibazo cy'imvura.
Kigali Cricket Club yatsinze Spartans Cricket Club ikinyuranyo cy'amanota 67 gusa hakaba harifashishijwe DL Method kuko haguye imvura ituma umukino utarangira. Muri uyu mukino Kamil Meeta niwe watoranyijwe nk'umukinnyi mwiza.



# Ishyirahamwe ry'Imikino Ngororamubiri mu Rwanda (RAF) ryatangaje abakinnyi 17 bazahagararira u Rwanda muri "Kigali International Peace Marathon 2022" .

Kuri uyu wa mbere taliki 02 Gicurasi 2022, Ishyirahamwe ry'Imikino Ngororamubiri mu Rwanda (RAF) ryatangaje abakinnyi 17 bazahagararira u Rwanda mu irushanwa mpuzamahanga "Kigali International Peace Marathon 2022" rizaba taliki 29 Gicurasi 2022.




Abo bakinnyi 17 bakaba baratoranyijwe mu makipe 6 arimo Police AC, Sina Gerard AC, MCAC, NAS, APR AC na Nyamasheke AC.

Aba bakinnyi batoranyijwe ubu bakaba bari i Musanze mu kigo cy'imyitozo cy'umukino w'amagare mu Rwanda "ARCC".



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave